RWANDA RESONANCE

# UMURANGI

Rédacteur en chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O.NT.B.)

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

100 Frw

Bimensuel
Indépendant

N° 015

27 Février 1993.

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.R.E.C.
B.P. 1238 Kigali
RWANDA

## TURACYATUNGURWA

*Hambere aha umugabo Habyarimana, Interahamwe n'Impuzamugambi ze bagize batya bati biriya bipapuro bya ARUSHA ngo ni nza mahoro bishaka ku Bunani bwacu ntitubyemeye none tunyukanyuke abashenzi batazi impamvu turi Ibinani maze bose bayoboke MRND na CDR abanze bapfe. Utari muri MRND na CDR kandi wese ni umututsi, isi yose nibimenye.*

*Iz'amarere nazo ziti ibyo nabyo. Amahanga yose namenye ko Abatutsi batagomba gushira tubireba kandi twarahagurukijwe no kubarengera; ubwo ntizatindiganije guterura ku bitwaro byazo maze udutürage ziranyukanyuka zihereye aho interahamwe n'impuzamugambi zapimiye ingufu zabo. Tubivuga ! Ngo zagiye zinyura ku ngabo zacu n'abandi bategetsi zanigirije wa mwambaro mwiza Habyarimana yatikiye bazirebera bazogeza ngo ngaha ni Interahamwe n'Impuzamugambi zigiye gutsembatsemba udututsi !*

*Uyu mukino wa Habyarimana n'Inkotanyi uzarangira ryari ? Ubu se amashyaka MDR, PL na PSD nayo arebe uduturage anyukanyuka ngo ni ukwerekana ko afite ingufu ! Ese akuya abarwanashyaka b'ariya mashyaka biyuha bakoma imbere ibitero by'Interahamwe n'Impuzamugambi, ingufu zose bashyiraho ngo u Rwanda mu minsi iri imbere ruzategekwe mu buryo bwa demukarasi isesuye ntibyaba bitera isesemé ari Habyarimana ari n'Inkotanyi tukaba duta igihe ?*

*Inkotanyi ziti turateye kubera ibikorwa bya Habyarimana. Habyarimana ati ntihagire unkorera ku butegetsi kuko intambara igarutse, ndetse hajyeho umukwabu hose hatagira uwongera kumvuga muri mitingi. Ati ibi byose biraterwa n'amatora yanjye nishakiraga mwanze. Kuki Ibinani n'Inkotanyi bamwe bakomeza kuba ibyitso by'abandi ku mugaragaro duturumbuye amaso aho amaherezo ntituzatungurwa ?*

O.NT.B.




**Ko bigaragara ko Habyarimana yujuje bya bintu bitandatu Uhoraho yanga na birindwi bimutera ishozi, aracyamubitsemo iki ?**

«Uhoraho wowe wenyine mwami w'amahoro nyayo atari amafitirano, ko tujya twumva ko uri Imana ifuha kuki utindiganya gufuhira abami b'imihoro bitiranya n'amahoro ngo ubahuheho umwuka wawe ushobora kubagarura mu nzira nyakuri yaha imbaga y'abanyarwanda amahirwe y'iminsi izaza cyangwa se ngo iseseme yawe ibasinzirize burundu bwarinda abanyarwanda aka kaga. Tubigusabye mu izina ry'abo umutima wiga imigambi y'ubugome wateje intimba intimburo z'abibwira ko amaherezo utazababaza ibyo bakorera rubanda. Amina».

5. Intambwe zikatarije ikibi ?

Nimwibuke ingendo zijya zikorwa mu gihugu imbere cyangwa mu mahanga, zose wakurikira ugasanga zari za gakora shyano. Ati nagiye gusura abavanywe mu byabo n'intambara naho ubwo yagiye kubigisha uko banga bagenzi babo. Ati nagiye gusura abavanywe mu byabo n'imvururu naho ubwo agiye kwirebera niba karakozwe nkuko yabyifuzaga. Ati nagiye i Burayi, i Buganda cyangwa se i Burundi gushakira amahoro abanyarwanda wakurikira ugasanga yagiye kwishakira intwaro zo gukora amahano, guhisha ibyibano no kubeshya amahanga cyangwa se kwiga uburyo imbaga nyamwinshi yahonyorwa ariko Ikinani kigasugira kigasagamba. Dusabe : Uhoraho muhorana bushobozi, wakumiriye izi ntambwe z'Ikinani zikatarije kuroha imbaga mu nyenga y'umuriro ariko ngo inyungu zacyo zisugire zisagambe zisanga zonyine nkaho aricyo kiremwa cyonyine waremye muri uru Rwanda, maze ibisingizo by'abari bagiye gupfa bikaguhundagazwaho bitareba impande uko ibihe bizahora bisimburana iteka ? Tubigusabye mu izina ry'abo intambwe zikatarije ikibi gusa zakataguyemo udupande bikitwa ubumwe bw'abanyarwanda. Amina.

6. Uwo batanzeho umugabo akemeza ibinyoma.

Naha barahagera ngaca. Nawe se bati ni nde wishe abaparmehutu ati ni Lizinde! Bati ntiwatubwira uwishe abagogwe ati icyakora nziko bagiye mu Nkotanyi. Bati ninde uteza izi mvururu zose mu Rwanda ati ni Politiki y'amashyaka menshi. Bati ninde wataye iki gihugu mu bukene ati ni Inkotanyi; bati ko batubwiye ko waba uzi abishe Mayuya ati muzabaze Nkubito; bati ninde wahiritse ubutegetsi bwa Kayibanda ati nari niyiririwe mu bukwe iwacu. Bati noneho wa mugabo we, ko wowe, Interahamwe n'Impuzamugambi zawe mutumye Inkotanyi zongera gutera ati ahubwo bitewe n'abanze ko tujya mu matora. Dusabe : Uhoraho watinze gusesemwa n'abasesekariza ibyishimo byabo mu makuba y'abandi, turagusabye ngo udusubirize abo aribo bose mu nzira y'ukuri bidatinze. Tubigusabye mu izina ry'abazize indwara yo gutangwaho umugabo hakemezwa ibinyoma bose kandi abakiriho barenganurwe. Amina.

7. Uwigira Gashozantambara mu bavandimwe.

Nimwibaze kwiyemeza g
mba ugakubitiraho no kuba n
yindi ijya kurisha. Bamwe bati
shyikirano we ati turwane k
kuwa nyuma ndetse n'intam
yari ku mipaka tuyimurire mu
gu imbere kugira ngo birusheh
nshimisha.
Dusabe : Uhoraho wahana
ku ntebe zabo abari barigize
ngange muri iyi si yose. Ari Go
(Goliyati), ba Sezari (César), b
ro (Néron), ba Napolewo cya
ba Hitileri. Tuzi ko bibyimbya
ukagira ngo ntakizabashobora
mara iyo ugiye kubahanantu
shwanyuka nk'ibishwemu by
se. Turagusabye ngo woye k
ndira gukanira umwami Ikina
rwo wakaniye abandi bose ba
amarorerwa kuri iyi si. Tubigu
mu izina ry'abo ubwibone, ub
si, ubugome bwa ba gashoz
mbara bo mu Rwanda bwahit
nabo bwacuje utwabo. Amina.

O.NT.B.

## HABYARIMANA NIWE CYITSO NYACYO CY'INKOTANYI

Habyarimana akomeje kwerekana ko ari icyitso cy'Inkotanyi as
gura ibyemezo bya Guverinoma agashyigikira ibya ba Renzaho be, m
Inkotanyi nazo zikabona ko ntacyo imaze zikarega ibyo zishatse by
zanga no gushyikirana nayo ngo ntacyo ishoboye. Ijambo yavuze
itariki ya 24/2/1993 mu gihe twateguraga iyi nomero rishobora gutu
n'igitekerezo cyiza abayoboke b'amashyaka atavuga rumwe nawe be
cyo gushyira hamwe bakarwanya Inkotanyi gipfa, bakagira bati n
Nkotanyi nizishaka nizize n'ubundi Habyarimana, Interahamwe n'Im
zamugambi ze bari batumaze. Ngo Inkotanyi zirategura igitero none
tingi nizihagarare bafate ibyitso ! Ko cyiriya bagabye atari yakimeny
Izo mitingi se, sizo amashyaka yari kuzasabiramo abayoboke bayo
shyigikira ingabo n'ibindi ??? Dore icyitso ahubwo !
Turasaba abayobozi b'amashyaka atavuga rumwe na Habyarimana
MRND–CDR ye gukoresha imyigaragambyo yo kwamagana ka
gasuzuguro, bayemera batayemera kuko ari hahandi izo Nkotanyi k
byarimana atubwira niwe uziha icyuho ku mugaragaro. Rero ngo i
ashaka ni uko biba isupu akabona uko yitorokera ! Yagiye se atam
abantu ?! Buriya bwirasi bwe nibwo butuma abanyarwanda batiz
Abafaransa, kuko bapfa kugera ino akibyimbya.

UMURANGI.

# Nyuma ya Revolisiyo mvugururabifu yo muri 1973 haburaga Revolisiyo y'inyamaswa mu Rwanda.

Abagabo b'ahiswe i Yeruzalemu muri iyi Repubulika ya Kabiri bararebye basanga mu mateka y'u Rwanda batazaviramo kwitwa ba rutemayeze gusa, maze ibikosa bakoze mu myaka 20 bamaze batobanga igihugu bashaka kubipfukiranisha imyivumbagatanyo idafite ishingiro bitwaje intambara y'Inkotanyi boroye ubwabo. Usibye se izo nyamaswa z'iwabo wa Habyarimana mu Rukiga nkuko HABIYAMBERE Yozefu yabise agira ati nanjye izo nyamaswa nizo mvukamo ku ya 5/2/1993, ninde munyarwanda w'iki gihe wakwemera ko ibibazo by'u Rwanda bikemuzwa umupanga?! Bariya bakiga-nyamaswa bahutse mu bakiga bazima baciye ukubiri n'ingoma y'inkoramaraso baratsemba, abatavuka muri izo nyamaswa baratsemba, abitwa abatutsi baratsemba, baratontoma muri Radiyo ibinyoma n'ibigambo byo kuryanisha abanyarwanda baruzuza, ay'ubusa binanirwa gukwira igihugu cyose bihera mu nyamaswa nyine dore ko ngo bibeshya ko ariko abaparmehutu bakoze.

Ni nka ya yindi yigannye yayindi kugira kwa kundi hahandi ikabizira. Reka baze babakande uwaboheje bigarame dore ko ngo yaba anizeye imbabazi yahabwa na Arusha. Uwiyise Ikinani niwe wabiteye byose, mu magambo yari amaze iminsi avuga ati ya ntambara yari ku mipaka igiye kwimukira imbere abantu bakagira ngo ni ukuvuga byo kwivugira naho ubwo imipanga yaratyajijwe. Abayoboke be niyo mvugo bari basigaranye. Uriya mugabo nta mpuhwe agira rwose kubona abanyarwanda birya bakimara ngo intambara yari yayogoje ibintu Ruhengeri na Byumba ihagarare we kubera kudashaka amahoro umujinya ukamufata agahitamo kuyimurira imbere no kurwanya imishyikirano yo kuyihagarika burundu ku mugaragaro?! Nubwo ibyo bakoze bishobora kubakoraho kubera abanyamahanga bahagurutse bagatuma yemera ko abo yoheje bafatwa, Inkotanyi nazo zikaba zarakoze ikintu cyiza cyo gusaba ko ikibazo cy'ubugome bw'abakiga—nyamaswa ba Habyarimana kibanza gukemurwa mbere y'amasezerano y'amahoro, ngo haba hasigaye umukino wa rurangiza, umukino w'abajepe (G.P.) batazarinda kwambara ibirere kuko ntawe bazaba batinya. Ngo mu gihe bazaba bayogoza Kigali, ab'amakoma bavanze n'abasirikare nabo bazaba bamanuka za Nyakabanda, Bulinga, Kayenzi, Nyabikenke, Taba, Runda n'ahandi batsembatsemba. Ngo abafite abarinda n'abashoferi bashobora gutungurwa. Banyarwanda bakunzi ba Demukarasi, Habyarimana yatweretse uwo ari we. Ni ukwitegura ibyobyose kuko bigaragara ko nta kintu cyiza gishobora kuva mu migambi ye. Abakunzi ba demukarasi rero baragoswe. Habyarimana ashobora kuba honyanga igihe cyose ashakiye ! Inkotanyi nazo zirarekereje ntawamenya niba Abakiga-nyamaswa ba Habyarimana atari zo bakorera cyangwa ngo zibakorere.

Hagati aha uko ibintu bitinda ni nako Interahamwe n'Impuzamugambi zishobora kuzatuma Inkuba n'Abakombozi nabo biga gukaraba inkaba kubera gushaka kwirwanaho no kurwana ku babo. Ibyo mu Rwanda birasaba guhagurukirwa kuko ngo byaba bigifite igaruriro nkuko twumvise umufaransakazi abivuga hambere aha. Birasaba ingabo z'amahanga hakiri kare, kuko kwizera Habyarimana n'Inkotanyi kwaba ari nko guheka impyisi. Mu bindi bihugu abashaka demukarasi barahogoye basaba ingabo z'amahanga zabagoboka, naho twe ngo nizihari nizigende!! Tubyibazeho. Ingabo z'abafaransa ziri ino zamaze iki ? Zitwaye iki ? Tuzi ko inshuro irenze imwe zatumye Kigali idasahurwa ngo abanyamakuru n'abayobozi b'amashyaka bapfe, abanyamahanga badufitiye runini bitahire. Ibyo ariko Inkotanyi ntizibyemera, zirashaka ko Abafaransa bataha byanze bikunze. Nkuko babivuze muri Radiyo yabo rero ngo barifuza ko Abanyarwanda twese twavuga rumwe ku kibazo cy'Abafaransa. Byari bikwiye ko amashyaka yose amaze kubyumvikanaho na za Biro Politiki, ashyira itangazo hanze rigira icyo rivuga kuri icyo kibazo hakiri kare, aho kugira ngo cyizabe aricyo kidindiza imishyikirano cyangwa amashyaka azabyishoremo ahubutse yamagane izo ngabo atabanje gushishoza maze igihe twazakenera ingabo z'amahanga abafaransa bazagire bati ko twari duhari mwaduhoye iki ? Birasaba ko abakuru b'amashyaka yacu batekereza neza ku minsi iri imbere bigaragara ko izaba ari injyanamuntu, maze bagatangira



# URU RWANDA RUZIZE NDE ? RUZAKIZWA NA NDE ?




Umugabo Habyarimana Yuvenali wari Jenerali Majoro mu ngabo z'u Rwanda akaba Ministri n'Umugaba mukuru wazo, yagize atya ku ya gatanu Nyakanga muri 1973 ahirika ubutegetsi bw'abaturage n'abari babuyoboye kandi barabuvunikiye bakavana rubanda rugufi ku ngoyi ya gihake na gikolonize, ndetse by'akarusho, uhereye kw'uwari umukuru w'igihugu bose bagirirwa ibya mfurambi, uko yakabise agatsiko k'inkozi z'ibibi bose arahonyora, ubwo ngo azanye amahoro n'ubumwe, aciye irondakoko n'irondakarere.

### Irondakoko ryorowe na nde?

Mu gihe cy'ubutegetsi bwa MDR-PARMEHUTU umuntu yakwibaza niba ariho hariho irondakoko kurusha ku bwa Habyarimana na MRND ye. None se hari iringaniza ryariho haba mu mashuri, mu kazi cyangwa ahandi? Ninde wambwira ati muri Kaminuza hagombaga kuza umubare uyu n'uyu w'ubwoko ubu n'ubu? Nyamara Habyarimana yagiyeho ati iyo Abatutsi mutangira mwari mushize, ariko agaca hirya ati mu bintu byose habe iringaniza. Amagambo meza yatumye abo ryakorerwagaho aribo batutsi n'abanyenduga batabibona maze bamwe baramusingiza, akora akazu kagizwe n'abatutsi bake n'abanyenduga bake binugitse mu bashiru nyamwinshi maze umuntu yabona abatutsi babiri cyangwa batatu Habyarimana yakijije bavimvira mu ma benzi bati dore umubyeyi wavanyeho irondakoko kandi inyuma ari ibicika.

### Ikibazo cy'impunzi cyakozweho iki?

Akaga turimo muri iki gihugu ahanini gatewe n'ikibazo cy'impunzi cyititaweho cyikaba kituroshye mu ntambara ikomeye. Bijya gutangira, ubanza cyarasaga n'ikizira ko abaduhagarariye mu mahanga nibura banakurikira ngo bamenye neza ibibazo by'impunzi, ahubwo bagahora bashyamiranye nazo, banekanekera ngo umwe yavuze ibi undi ibi, umunyarwanda wavuganye n'impunzi akaza aruhukira muri gereza, aho kugira ngo bicarane, bavugane neza icyo impunzi zifuza maze bigezwe ku banyarwanda n'abategetsi barwo. Abanyakazu nibo bonyine bashyikiranaga nazo bazikunengamo ari nabwo zabasomye pulaki. Byahutse aho Komite Nyobozi ya MRND muri 1986 yemeje ko impunzi zizahera ishyanga ngo kuko u Rwanda ari ruto cyane, maze Perezida Habyarimana atangira kuzenguruka amahanga ngo arasobanurira impunzi ko u Rwanda ari ruto, ati jye na MRND yanjye turarwuzuye, mbese turarusendereye. Nyamara zakwibuka ko muri 1982 igihe Obote yazihindaga zasabaga nibura kwigumira aho zari zatungukiye mu Mutara Habyarimana akazitera sempiri zikarushaho kwiyemeza kuzataha bubi na bwiza, dore ko zitari zinayobewe ko muri uko kuzirindagiza bazishukisha ngo kuzaziha pasiporo bazishukisha n'amabati harimo no gutinzatinza ibintu ngo ya myaka 30 yemererwa umuntu kwitwa impunzi irangire akazo kabe gashobotse.

### Habyarimana yananiwe byose.

Kubera indwara y'irondakoko n'irondakarere yabaga muri Habyarimana n'ibyegera bye, ikaba ariyo yigeze gutuma avuga ko nta munyenduga wabasha guterura imbunda, bishyizemo rwose ko nta mututsi ushobora kuba umusirikare, ngo kuba umusirikare n'umurage w'indimburamakoro. Iyo biyemeza gukumira impunzi se, ntibateganye ko zishobora gutaha ku ngufu dore ko zitari zarigeze zibihisha, kandi zikerekana ko zibishoboye zinjira mu ngabo z'u Bugande, iminsi myiza bateguriraga u Rwanda ni iyihe? Ubona iyo Habyarimana yanga gucyura impunzi nibura akitegura no gukumira ibitero byazo. Byose ntacyo yategajije, maze ingabo z'u Rwanda ziratungurwa, abanyarwanda bose baratungurwa, igihugu gicika imiborogo, izina icyitso ribyutsa inzangano mu gihugu, ibi biradogera. Nyamara se ntiyari ya twijeje ko ngo hari abamubwiye ntawe uzatera u Rwanda! Ayo masezerano yagiranye nabo nayo akw kuzasobanurirwa abanyarwanda.

### Ishyaka MDR rifite uruhe ruhare mu kugerageza kuramira ibisiboka?

Ikibazo cy'impunzi kimaze kunirana, zafashe ibitwaro ziratera. Habyarimana yirutse isi yose arega ngo abari baje bikoreye Karinga, maze ngabo z'u Rwanda zikoze iyo bwabaga zigasubiza Inkotanyi inyuma aho kuzunganira agirana imishyikirano irimo ukuri n'abateye, ati intambara ndayitsinze, sinshobora kuvugana n'imihirimbiri, imishyikirano yose ihagarikwa ngo ngaha baratsinze, ngo nibamanike amaboko ku mutwe bao muri ninde urya amazirantoki (sub gum) batahe, naho ntakamenye ko Inkotanyi zitahagurutse zikina, zimwereka aho zibera iz'amarere, zimukinira umukino w'intambara yo kuzahaza igihugu bucye bucye (guerre d'usure). Abanyarwanda benshi bararoye basanga umugabo yarananiwe gushakira u Rwanda amahoro, ananirwa no kururinda barahaguruka, bibuka intwari zaharaniye rubanda rugufi ya honyoye, bareba uko akomeza kugaragaza ko nta rukundo rw'igihugu na rucye afite maze babyutsa ishyaka ry'Impirimbanyi MDR ngo barebe ko baramira igihugu kitarahinduka umuyonga. Ntibyaboroheye, kuko aribo bahise bahindurwa abanzi b'igihugu. Ubwo Habyarimana na MRND ye barabanje barahaguruka bati dore rya


shyaka ryatumye abatutsi bahunga rikabarira inka, bati abasigaye bagakizwa n'umubyeyi w'amahoro Jenerari we bakesha ubuzima, mbese ibya revolisiyo ya 1959 barabyihunza byose byitwa ubugome bw'apabarmehutu, Mme Mutwe arahaguruka azenguruka isi yose yumvisha amahanga ko ikibazo cy'abatutsi cyazanywe na MDR-PARMEHUTU yihaye kuvanaho ingoma ya cyami, bityo MDR iyikomokaho ikaba igomba guhabwa akato ngo ndetse ikanahagarikwa. Ubwo niko mu kinyamakuru Umurwanashyaka wa MRND byabaga bicika ngo abatutsi barashize, ngo ariko ntacyo Habyarimana arahari, azongera abavane aho umwami yavanye Abasyete.

**MDR yaberetse uko politiki ikinwa.**

Muri mitingi yayo ya mbere yabereye kuri Stade i Nyamirambo kuya 11 Kanama 1991 yamenyesheje abanyarwanda bose ndetse n'abanyamahanga ko umuti w'intambara ari ugushyikirana n'abadutera, intwaro zigacecека, abantu bakayoboka inzira ya demukarasi y'amashyama menshi, uwo abaturage bahaye ubutegetsi akaba ari we utegeka. MDR yerekanye ko iyi ntambara yatewe n'abituramiye bakirengagiza ikibazo cy'impunzi kimwe n'abafite ibyo bapfa, ariko inasobanurira abayoboke bayo ko zaba ari iz'Inkotanyi, zaba ari iza Habyarimana, Impirimbanyi zitazemera gutegekwa n'imbunda, ahubwo zizaharanira inzira ya demukarasi isesuye kugeza ibonetse. Ubwo ishyaka PL ryiswe iry'abatutsi ryaravutse, MDR yemera ko bahuriza ku ngingo zimwe na zimwe nk'izo gusaba Rukokoma no kubonana n'abadutera bagashyikirana, ibyo kandi MDR ibikora ifatanye agatoki na Pl nta kibazo cy'ubwoko cyijemo, abo muri MRND babonye ikinyoma cyo guhuza abahutu n'abatutsi barishaga gishyizwe ahagaragara cyane cyane mu myigaragambyo abo bose bahuriragamo bakereka amahanga ko ikibazo cy'ubwoko atari cyo kibangamiye abanyarwanda, bibutse ibigambo bahuraguye mu ma radiyo no mu mahanga ngo MDR ije kwica abatutsi no kurya inka noneho ikimwaro cyirabasaba bati bose bose n'ibyitso by'inkotanyi. Abazungu bati ubwo muhindagura indimi murabeshya. MDR nayo ikomeza gushyira mu bikorwa ibyo yiyemeje byo kutavangura amoko igera naho yemera guhangana n'Interahamwe za MRND zari ziyemeje kumarira abatutsi kw'icumu bazira ko banze gukomeza kubeshywa no kubeshyeshywa akarimi keza katajyanye n'ibikorwa. Nta munyarwanda n'umwe uzibagira ukuntu MDR yahanganye n'iterabwoba igakoresha amatangazo ari nako irema abantu agatima. MDR yatumye Inkotanyi zicisha make, kuko nazo mu mahanga zemezaga ko arizo zonyine zirwanya ubutegetsi bw'igitugu bwa Perezida Habyarimana. Habyarimana nawe akemeza ko nta bandi banyarwanda ngo kereka Inkotanyi z'abatutsi zishyigikiwe na Museveni nawe w'umututsi ushaka ko bagarura ingoma ya cyami. Abanyamahanga babonye ubwumvikane bwa MDR yiganjemo abahutu na PL yiganjemo abatutsi ndetse na PSD nayo iyobowe n'abahutu, bati wa mugabo we ko utubeshya ngo nta munyarwanda wundi ukurwanya usibye Inkotanyi z'abatutsi bariya ba MDR si abahutu? Ba Gatabazi si abahutu? Ati niba ari ibyo na Kanyarengwe ni umuhutu, baba barariye ibifaranga by'Inkotanyi bakaba ibyitso. MDR yaragumye irakurura Impirimbanyi zirahaguruka zirahagarara, Inkotanyi zemera ko mu Rwanda hari abandi banyarwanda badashaka ubutegetsi bw'igitugu bw'imbunda ubwo aribwo bwose na Habyarimana yemera ko atari Inkotanyi zonyine zimurwanya, ariho haturutse Guverinoma y'Inzibacyuho kuya 16/4/1992 yari igamije ahanini guhagarika intambara, igashyikirana n'abadutera, maze u Rwanda rugahumeka amahoro, rukayoboka inzira ya demukarasi isesuye.

**Perezida Habyarimana yakomeje kubyivangamo no gukurura Inkotanyi mu mirwano adashoboye kurwana.**

Habyarimana ati ubwo habonetse agahenge (cessez le feu) intambara yimurirwe imbere mu gihugu mukwize Interahamwe n'Impuzamugambi hose, mutege ibisasu mutere grenades, mubwire abasirikare basahure, abatavuga rumwe nanjye bose mutsembatsembe bityo ibyo mu Rwanda bibe agasitswe, MDR, Dogiteri NSENGIYAREMYE ndetse na Guverinoma ye bananirwe maze abanyarwanda n'abanyamahanga bose bemere ko ari jye wari ushoboye byose. Ibyo byose byagiye biherekezwa n'agasuzuguro gakabije yagiye ashyira kuri Ministri w'Intebe, akabyigisha n'abaministri b'ishyaka rye, bageze naho basiba amanama byose ngo ari ukunaniza Guverinoma iyobowe n'Impirimbanyi NSENGIYAREMYE. Nyamara yarashikamye arahangana abishyigikiwemo n'ishyaka rye n'abandi bakunzi ba demukarasi bamubonyemo umugabo w'umuhanga bitangaje, ucisha make ntahubuke, agashyira mu gaciro kandi ntiyimirize imbere inyungu ze mbere y'izi gihugu. MDR ikoresheje abaministri bayo, uw'Intebe n'uw'Ububanyi n'Amahanga yashyize abifuzaga byinshi Arusha mu mwanya wabo, bityo ishyira mu bikorwa ibyo yemereye abaturage by'uko itakwanga igitugu cya Habyarimana ngo yemere icya Kagame na Kanyarengwe, ijyana imishyikirano ku buryo ntawe uzakandagira undi. Habyarimana we, wamenyereye



guhonyanga no kwiharira ati niba ari nta tako ry'umutware mbonye ndabamara, yahuka mu baturage aranyukanyuka, Inkotanyi nazo ziti twatanzwe ahari twabona icyuho, ku ya 7/2/1993 ziratera. Nyamara MDR yongeyeye kubereka bombi ko ihari kandi ko ariyo iyoboye Guverinoma y'inzibacyuho. Nta rusaku, nta muvundo, nta guhubuka, ibintu ibishubije mu nzira nziza, nubwo inzitizi zitabuze. Habyarimana yemeye gusinyira Ministri w'Intebe ko yemeye ibyari byatumye ashikora, abambari be bagasizora ngo ibya Arusha bisubirwemo none abyemeye uko biri. Yibwiraga ko Inkotanyi zizatera akica ibyitso MDR ihakinga akaboko. Yari azi ko azahita ahagarika byose na za mitingi (Etat d'urgence) abanyamahanga bagataha umugabo akikubitira umugore, NSENGIYAREMYE amubereye ibamba. Yibwiraga se nibura ko Inkotanyi zizagera i Kigali akigendera akajya kwiruhukira none MDR ihakinnye politiki ihamye yo kubasubiza mu mishyikirano nta yandi mananiza. Yibwiraga ko azaboneraho kwanga ko bamwirukanira ibyitso bye mu bugome aribyo bya ba burugumestri, ba perefe n'abandi none ahubwo bitumye babahuha bose bose nta mbabazi ahubwo nawe nareba nabi arazira amategeko akomeza kugenda yica nkana nk'igihe cy'ingirwa Nama Nkuru y'Ubucamanza. Yapfa Kavaruganda!!

**Hari abibaza icyo MDR yakora imishyikirano n'Inkotanyi inaniranye.**

Nubwo muri rusange usanga Impirimbanyi zifite icyizere muri iriya mishyikirano ya Arusha, ntizibura kwibaza uko zabyifatamo inaniranye, kandi zigomba kuvana u Rwanda mu kaga byanze bikunze. Muri rusange bahangayikishwa nuko hari bamwe mu baturanyi babo bohereza abana mu Nkotanyi, bakagenda ari abo mu bwoko bumwe. Bituma bibaza niba batagomba kohereza ababo mu Nzirabwoba byose ari nko guteganya, nabo bakagira ingufu za gisirikare cyangwa bagakora ababo. Usanga bagira bati ko Inkotanyi zisigaye zivugira ko zije guhorera abatutsi aho buzacyera ntibizaba ngombwa kwigisha ukwisuganya kw'abandi banyarwanda ngo nihagira ushaka kurengera ngo arahora azumirwe? Abenshi basanga imishyikirano ya Arusha ninanirana ari inkundura kuko Impirimbanyi ntizizaba Interahamwe, Impuzamugambi cyangwa Inkotanyi, zigomba kugumya zikaba Impirimbanyi kandi zigatsinda uko byagenda kose. Birasaba ko abanyepolitiki bo muri MDR baba biga icyo kibazo hakiri kare kugira ngo ejo batazatungurwa. Icyiza ni uko usanga Impirimbanyi muri rusange zemera ko ivanguramoko ritajyanye n'igihe tugezemo, ko revolisiyo yagize igihe cyayo, bityo umuntu akaba yakwizera ko igihe cyose zizahangana n'abashaka gusarurira mu nduru biganje muri MRND, CDR na FPR bakunze kwimiriza imbere iby'ubwoko n'uturere kandi zigatsinda.

UMURANGI.

## BITE BYA MUSANGAMFURA KO ATUKANA ?!!

*O.NT.B.*

Mu Isibo N° 86 twabonye inyandiko Musangamfura yise Kibwa na Rwagakoco muri MDR. Nkukò twabimenye rero, uwo yita Rwagakoco ni Murego Donati naho by'akumiro uwo yita Kibwa ni umurwanashyaka Gapyisi Emmanuel ahora ashinja kwihisha inyuma y'ikinyamakuru IMPAMO, akaba Perezida wa MDR-Gikongoro iwabo wa Musangamfura. Mu by'ukuri abantu bamwe baradutangaza. None se Musangamfura yanditse inyandiko ku kibazo Kiga-Nduga, Ntahobatuye Bazibonera agira icyo abivugaho, aho undi yagize ati aha urabeshye ngo bajye impaka, ajya gukoyora ibya Nkotsi na Bikara no gutuka abantu b'abagabo ?! Biteye isoni. Barwaye indwara yo kurya amafaranga bacyurirana cyane cyane kuva mu matora ya MDR mu rwego rw'igihugu, bityo kuba MDR iri mu matora y'abayobozi ba za Komisiyo Isibo igasubira ibyo gusopanya Impirimbanyi bikaba ari ntawe byatangaza.

Tuboneyeho kumenyesha n'abo mu Rumuli rwa Demukarasi banditse ko kwandika kuri Twagiramungu na Murego ari ukubasebya kandi ko ibinyamakuru bibandika ngo biba byahagitswe amafaranga ko nabyo ari ugusopanya. Niba Umurangi wanditse Murego cyangwa Twagiramungu wowe vuga uti aha n'aha siho tujye impaka. Naho kwihutira gusebya ibinyamakuru na ba nyirabyo nkaho twigeze dusezerana ko mu mashyaka arwanya Habyarimana ntawe tuzatunga ikaramu nakora ibidatunganye ni ya ngeso yo guhakirizwa igomba gucikana na ba nyirayo.

## INKOTANYI NYAZO ZITANGIYE KWIGARAGAZA.

Kuva aho Abafaransa bemereye kurega Museveni ku mugaragaro ko ashyigikiye Inkotanyi bakiyemeza kohereza abasirikare bo kurinda bewabo, bamwe bariho baravugishwa. Biratangaje kubona Rwagafilita ariwe uriho akwiza ibikuru bigamije gusebya Abafaransa ngo baje gushyigikira Interahamwe, bityo akabivuga agira ngo Inkotanyi zibone uko ziregа n'uko zanga imishyikirano. Ibyo kandi biraba mu gihe amashyaka yose ari mu gihugu agiye kwiyemeza gusaba amahanga ko yatwohereza ingabo zo gukumira Inkotanyi kugira ngo inzira ya demukarasi ibe ariyo ikemura ibibazo biri mu Rwanda.



*Rwagafirita*

## AHERUTSE UBUBI.

Nyuma ya Bokassa umwe mu ba Jenerali Perezida wo muri Afurika Moussa Traoré wa Mali, kuri 12/2/93 yakatiwe urwo gupfa kubera abaturage yishe bigaragambya basaba demukarasi mu gihugu cyabo. Yakatiwe hamwe na Munyazesa we, Gasana we na Serubuga wahozeho nyine aho muri Mali. Ibihe biha ibindi koko. Moussa Traoré yakuyeho Perezida Modibo Keita amwica nabi, yishe igihugu ategekerwa n'umugore we na basaza be batatu none aherutse ububi. Fora undi Mujenerali Perezida uzaba nkawe ni nde ?? Dutegereze.

## ZIGIRANYIRAZO MU BUROKO.

Mu minsi ishize mu matariki ya 20/2/1993, amaradiyo yatubwiye ko ZIGIRANYIRAZO yafatiwe muri Kanada afite impapuro z'abahagararira ibihugu byabo mu mahanga (Passeport diplomatique) muzi ko ngo bari bamwongeje Buruse ngo ajye kwiga. Ubundi bizwi ko iteka iyo intambara igiye kurota Zedi aba yagurutse ngo bamuraguriye ko intambara iteye ari mu gihugu yayigwamo. Ntiyihanganiye rero kutajya gutsembatsemba akaba yarafashwe yenda guhitana abitwa MAKOMBE na KIMONYO bibera aho muri Kanada. Aho si umujinya w'uko ahora ahunga igihugu ntigifatwe ??

# INKOTANYI ZIYAMBITSE UBUSA




Kuwa mbere tariki ya 8 Gashyantare 1993 nibwo twamenye ko iz'amarere zagabye ibitero mu Mutara n'ibindi bice bya Byumba kugera na hano i Tumba hafi ya Kigali ariko igikaze bakaba barakigabye mu mujyi wa Ruhengeri aho barwaniye n'Inzirabwoba bigatinda cyane cyane ku musozi wa Nyamagumba aho abanyarwenya rudashimishije bavuga ko hari imihango abo bana b'impunzi z'abatutsi bari baje gukorera ku bisigazwa by'Abaparmehutu Ibinani byahatsinze cyangwa ngo babe banabyikorera.

## INKOTANYI ZIRARIMANGANYA.

Ukurikije intera imishyikirano ya Arusha igezeho n'ukuntu igenda isimbuka amananiza akaze ya Habyarimana ukareba ukuntu Minisitiri w'Intebe yitanga abifashijwemo n'amashyaka MDR, PSD, PL wasanga Inkotanyi kudacisha make ngo zifatanye n'abandi banyarwanda benshi bibumbiye mu mashyaka arwanya ubutegetsi bw'igitugu batamennye amaraso hahishemo umugambi wo gutanguranwa kubufata ku ngufu no guhora. None se, kwitwaza ngo Habyarimana arishe uti nanjye ngiye kwica!! Reba nawe ukuntu igitero cy'Inkotanyi ari amahano ahubwo aho kuba icyo kubohora nkuko babeshya. Abaturage barenze 600.000 bavuye mu byabo, abandi barapfuye, nta Habyarinama upfuyemo, nta munyakazu n'umwe upfuyemo, nta mwene Habyarimana batubeshya ngo niwe barwanya upfuyemo yewe na ba Rucagu cyangwa ba Kajelijeli bayogoje ibintu mu nzirakarengane ntawupfuyemo. Ubwo se Inkotanyi zihannye nde ?

## INYOTA YO GUHORA ISHOBORA KUZAKORA ISHYANO.

Hari inkuru zivuga ko iki gitero ngo Kanyarengwe yaba ataragishyigikiye, agize ngo arabivuga bati n'uko uri umuhutu naho twe tugomba guhorera bene wacu bamaze iminsi bicwa. Ibyo bishobora kuba aribyo kuko Inkotanyi zaje nazo zitsembatsemba, zidatinya no kurasa mu kivunge, kurinda abantu mu nzu bagatwika, kuvanamo bamwe amaso, n'ibindi. . Mu by'ukuri ukurikije ukuntu Inkotanyi zisigaye zisiribanga abaturage, n'ukuntu zigenda zibashorera ziganisha epfo, wasanga wa mugambi wavuzwe wuko zishaka kwica abantu benshi ku buryo bwose bushobotse ari wo. Bityo bikaba bigaragara ko Ingabo z'u Rwanda zitahabambye Inkotanyi zashorera abantu nk'inka zikaroha mu Kivu ubundi zikisanzura mu gihugu.

## KIGALI YARANGIJE GUFATWA

Nkuko bavuga ko mu Ruhengeri Inkotanyi zagiye zisobeka hamwe na hamwe ziyambariye imyenda y'Interahamwe n'Impuzamugambi (ibitenge, amakoma n'ibindi) zari zimaze iminsi ngo arizo zigenzura uwo mujyi bazirebera ngo zirubahiriza itegeko rya Habyarinama, Inkotanyi abantu zinjije mu gihugu cyane cyane muri Kigali abenshi baba mu Nterahamwe. Nizo zubahwa n'abashinzwe umutekano kandi ntizikenere ibyangombwa, bityo rero bikaba bitatangaza ko kwa kwidegembya kw'Interahamwe ariko kuzavamo igitero cy'Inkotanyi tukumirwa. None se koko wambwira ngo Kajuga Robert niwe ukunda abahutu ku buryo yayobora umutwe w'abatsembatsemba bakorera Ibinani?! Ngo byiyemeje kurengera abahutu da ! Ariya mayeri yazo yo kwica abantu bagasakuza ko ari abatutsi bishe afitiye nde akamaro? Siyo atuma amahanga yose yumva ko abatutsi mu Rwanda aribo bapfa bonyine kandi abahutu bahonyorwa n'izo Nterahamwe aribo benshi !!

Hari inkuru iteye agahinda y'abatutsi babiri b'i Shyorongi bo mu Nterahamwe bafashe umuhutukazi bamunyuza igisuti mu gitsina gitunguka mu mutwe ngo baratsemba ibyitso by'Inkotanyi. Iyo migirire nk'iy'i Burundi abantu bayibajije ho?! Nyamara abafite amaso ariko ntibabone wa mugani wa Nsengiyaremye bamaze kuba benshi.

## NIBAREKE KUTUBESHYA IYI NTAMBARA BARI BARAYITEGUYE.

Nta munsi w'ubusa abana b'abatutsi batajya mu Nkotanyi bavuye muri iki gihugu ku buryo bitakiribanga cyangwa kubivuga ngo bibe ari ugusebanya. None se ko turi mu mishyikirano, babaga bajya he ? Abatutsi benshi nkuko bigaragara ino na za Butare cyangwa ahandi bari

# Ko bigaragara ko HABYARIMANA yujuje bya bint[u] bitandatu Uhoraho yanga na birindwi bimutera isho-zi, aracyamubitsemo iki ?

Ku cyumweru tariki ya 13 Ukwakira 1992 mu Mugi wa Kigali habaye urugendo ngo rwo gusaba amahoro rwakozwe n'abakristu n'abapadiri barangajwe imbere na Musenyeri w'akazu NSENGIYUMVA Visenti wa wundi wibye imodoka ya Leta, waje kuhagaragariza abo yasabiraga amahoro abo ari bo igihe Ikinani n'abiwe bari batungutse kuri Stade Régional i Nyamirambo baje gushinyagurira abo bayimye. Iby'urwo rugendo ibinyamakuru byabivuzeho bihagije. Twe turibanda kuri bimwe mu byo urubyiruko rw'abakristu rwari rwateguriye Ikinani ku byapa bari bafite. Hari umwe muri bo wari wafashe igikarito yandikaho ati : «Gahini wakoze ibiki? Amaraso ya murumuna wawe wamennye arantabariza mu gitaka (Int. 4, 10)».

Benshi barabibonye maze bakebuka Ikinani aho cyumumirije ngo kirasenga bati iby'aribyo byose uriya mugabo uwamubaza aho yashyize Kayibanda, akamubwira ati haguruka ubwire aba bakristu aho washyize Uwitangiye rubanda rugufi rw'abanyarwanda yarya indimi. Ubwo nibwo bamwe bahinduraga iriya nteruro bati : «Habyarimana wakoze ibiki?»

Amaraso ya muzehe Kayibanda arantabariza mu gitaka (Rukokoı 1993, 1, 1). Undi yatugaragarije ko Habyarimana adakomoka ku Mana kuko yari yanditse ati : «Umuntu wese udakora ibitunganye cyangwa ntakunde umuvandimwe we ntakomoka ku Mana (1 Yoh. 3, 10). Iyi nteruro yatumye abenshi dutekereza ku Kinani kuko aricyo cyari cyatwigemuriye. Iyo kitahaba ntitwari kugitekerezaho. None se koko wari kureba amafuti uwahoze yiyita umubyeyi w'u Rwanda na byose ariho akora, ukareba urwango rugaragara yanga abagombye kuba abavandimwe be ugatinyuka ukanyuranya n'iriya nteruro ivuga ko nta muntu nk'Ikinani waba akomoka ku Mana ? Baranakomeza ahubwo bati : «Umuntu wese wanga umuvandimwe ni umwishi (1 Yoh. 3, 15). Barongera bati : «Udakunda aguma mu rupfu (1 Yoh. 3, 14). Nubwo twatangiye inyandiko yacu ariko twibaza icyo UHORAHO akibemberezamo Ikinani n'abe kandi cyujuje ibyangombwa byose byo kumutera ishozi, hari interuro y'amizero aba bakristu badutegʌnirije igira iti : «Mubwire abakutse umutima muti nimukomere, mwoye gutinya dore Imana yanyu ije kubakiza (Izayi 35, 4)». Kudukiza se hari ukundi kutari ukwigizayo Ikinani ? Mu gihe cyo guhana amahoro Musenyeri NSENGA yacakiranye na Mukakinani maze akubita igitwenge kimeze nk'icya Ruhaya yo mu cyi, abakristu bariho bareba icyapa cyari cyanditseho ngo «Mujye mukundana nkuko Kristu yabakunze (EF 5, 2) bibaza niba iby'ubu aribyo byo hambere. Baribazaga bati ko Murego na Twagiramungu bicaye hariya uriya Musenyeri yasabye Ikinani kigahana amahoro nibura n'umwe muri bo maze ibyari byanditse ku kindi cyapa ngo «Yezu yashenye urukuta rw'urwango rwadutandukanyaga (Et 2, 14) bikuzuzwa, bakareba ukuntu abakristu bari aho bahavana icyizere cyo kuzagera ku mahoro bari baje gusaba.




Mbere yuko tubasobanurira ukun[...] Habyarimana yateye Uhoraho ish[...]zi akabirenzaho uruho rw'amazi, [...]ka tubagezeho n'ibindi byari by[...]nditswe uwo munsi maze mwiba[...] niba amahoro twifuza amahere[...] tuzayageraho. «Uhoraho atı : M[...]zakizwa nuko mungarukiye kand[...] mugacisha make (Isaïe, 30, 15[...] Ukunda umuvandimwe aba atu[...] mu rumuri, uwanga umuvandim[...] aba ari mu mwijima (Yoh, 2, 10[...] Nimushake icyiza, ikibi mukire[...] (Amosi, 5, 10). Imana yacu si iy[...]kajagari, ahubwo ni iy'amaho[...] (1 Kor, 5, 15). Nimwige gukora ik[...]ri cyiza, muharanire ubutabera, m[...]renganure urengana (Isaïe, 1, 17[...] Hahirwa abagwiza amahoro mu b[...]ndi bazitwa abana b'Imana (Mt, 5[...] 9). Nimusubize ubucamanza umw[...]nya wabwo mu nkiko (Amosi, 5[...] 15). Ubugwaneza bwanyu nibume[...]nyekane ku bantu bose (Fil, 4, 5)[...] Rwose banyarwanda bakunzi b[...] Demukarasi, dusomye neza ziriy[...] nteruro tukazishyira mu bikorw[...] aya maraso yagumya kumeneka m[...] gihugu koko ?

ESE AHO UHORAHO NTIYAB[...] YARATURANGARANYE ?

Mu byapa byari aho byose, icyari cyatangaje benshi bibajije umuntu watekerejc guhuza iyo nteruro n'urugendo rw'amahoro imbere y'Ikinani, ni icyapa cyagiraga kiti : «Hari ibintu bitandatu Uhoraho yanga na birindwi bimutera ishozi ni ibi : Amaso y'agasuzuguro; Akarimi kabeshya; ibiganza bimena amaraso y'umwere; umutima wiga imigambi y'ubugome; intambwe zikatarije ikibi; uwo batanzeho umugabo akemera ibinyoma; uwigira gashozantambara mu bavandimwe (Imigani, 6, 16).




## BIRIYA BINTU BYOSE KO HABYARIMANA ABYUJUJE, UHORAHO AMUBITSEMO IKI ?

1. Amaso y'agasuzuguro.

Nimwibuke agasuzuguro Habyarimana yagiye ashyira ku banyarwanda bakunze gushaka kugira icyo bakosora ku butegetsi bwe, abenshi byababaviriyemo imbwa yiruka, abatarishwe bagiye bahokera mu buroko; uriya mugabo amaze guhagarara hejuru kuri za podium akarebana abantu bose agasuzuguro akavuga ijambo rya «Hazagire akongera. Nijye mutware, nijye uzi gutekereza, nijye uzi ubwenge». Aho muzi ijisho Habyarimana yaroye Gitera amubwiye ko yiyemeza gukora ibyo atazashobora ? Muzi uruijisho yaroye Birara amubwiye ko ashyigikiye agatsiko k'ibisambo kagizwe na Serubuga, Rwagafilita na Buregeya ?? Ingero sizo zibuze bizwi n'abanyamakuru. Ejo bundi mu ngirwa nama y'ubucamanza se yaroye ate ba Nkubito na ba Gasasira bagira bati ko ushaka guhonyora amategeko ???

Dusabe : «Uhoraho uhora areba ibyo yahanze byose, kebuka uru Rwanda turimo maze uhangamure uwihaye kurugusimburamo, warwigizemo ushobora byose kandi uhari Mana, umushyire i ruhande rumwe abawe bahumeke umwuka w'amahoro. Tubigusabye ku bw'abazize amaso ye y'agasuzuguro bose. Amina».

2. Akarimi kabeshya.

Nimwibuke kuya 5 Nyakanga 1973 Habyarimana yihanukira ati : «Abakiga twari dushize, ati ndetse jyeweho bandashe barampusha». Nimutekereze ibinyoma byose yabeshye abanyarwanda n'ubu akibabeshya ! Hambere aha kuwa 5/10/1990 ati Inkotanyi zaraye ziturasa maze bugiye gucya tuzikubita inshuro. Nimwibuke ibinyoma yabeshyeye abo yafunze bose, abanyujijwe iy'ubusamo ati sinari mbizi, abishwe n'inzara ati sinari mbizi, intambara yateye ati turatunguwe kandi ahubwo yari yarafashije abateye kuyitegura, n'ibindi, n'ibindi maze mumwibazeho.

Dusabe : «Uhoraho nyirimpuhwe, twarambiwe gutegekeshwa ikinyoma, koresha ubushobozi bwawe bwose umushyire mu mwanya umukwiye kuko akarimi kabeshya ariko kariho kanazambya imishyikirano y'amahoro abanyarwanda batezeho umukiro. Tubigusabye mu izina ry'abazize kariya karimi bose. Amina».

3. Ibiganza bimena amaraso y'umwere.

Aha barahagera ngaca. Nimwibuke amaraso yamenetse yose kuva uyu mutware yacakira ubutegetsi ku ngufu muri 1973 ! Uwajya kurondora bwakwira bugacya. Reka twikomereze. Dusabe : «Uhoraho wahanze byose ugahanga n'Ibinani bizigereranya nawe, kora ku buryo tudakomeza kwibaza aho uba aka wa muririmbyi ati «turagusenga ariko ntiwumve niba kandi wumva ntukidusubiza». Tubigusabye mu izina ry'abuhagije amaraso yabo biriya biganza byananiwe gucika bikananirwa no kwera. Amina».

4. Umutima wiga imigambi y'ubugome.

Nimwibuke ibikorwa byose by'ubugome byagiye biba muri iki gihugu, mwibaze inshuro hakorwa amanama yiga imigambi y'ubugome kandi ayobowe na nyiricyubahiro umwami w'amahoro y'imihoro. Nimwibaze ko hari n'akorerwa muri za Hekaru, muri za Katedrali zimwe zisigaye zarabaye isibaniro ry'ibyaha n'ubwahukaniro budasobanutse bw'abamikazi b'abanyamurengwe. Umutima wiga imigambi y'ubugome se ntimwawumvise muri Radiyo zanyu kuya 9/2/1993 aho wihanukira uti : numvise ko Inkotanyi zateye ?? Numvise... None ntawe ugomba kunkorera ku bicanyi b'ababurugumesitiri, b'abaperefe. Ubwo se si ukugira ngo baze babafashe guhumbahumba utwitso ?! Muribuka akakurikiye imigambi yo kumanukana n'Interahamwe yacuriwe mu Ruhengeri. Twavuga se ko Uhoraho agikora anketi nka zimwe Ibinani byatumenyereje ? Oya nadohore abanyarwanda bararembye. Dusabe :